REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA RUHANGO
B.P 12 RUHANGO

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ruhango buramenyesha Abaforomo n'Abaforomokazi bo mu rwego rwa A2 babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hari Amavuriro Acirititse (**Health Posts**) bushaka guha abikorera binyuze mu ipiganwa hagamijwe kubahiriza gahunda ya Leta ya **"Public Private Community Partnership Model" (PPCP).**

Ayo mavuriro acirititse akaba ari aya akurikira:

- ✓ "Health post" ya Nyamagana iri mu Murenge wa Ruhango;
- ✓ "Health post" ya Buhoro iri mu Murenge wa Ruhango;
- ✓ "Health post" ya Gikoma iri mu Murenge wa Ruhango;
- ✓ "Health post" ya Rwesero iri mu Murenge wa Kabagali;
- ✓ "Health post" ya Karama iri mu Murenge wa Kinazi;
- ✓ "Health post" ya Rubona iri mu Murenge wa Kinazi.

Abemerewe gupiganira ayo mavuriro bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba afite impamyabumenyi yo ku rwego rwa A2 mu mwuga w'ubuforomo;
- Kuba afite icyemezo cyo gukora umwuga w'ubuforomo (license) gitangwa n'Urugaga rw'Abaforomo n'Ababyaza mu Rwanda;
- Kuba afite imyaka y'amavuko itarenze mirongo itanu (50)
- Kuba yarakoze nibura imyaka itatu (3) mu mavuriro ya Leta cyangwa afite nibura imyaka ibiri(2) y'uburambe akora mu mavuriro yigenga;
- Kuba yiteguye gushyira ibikoresho bisabwa muri "Health Post" azatsindira.

Abifuza gupiganira no gucunga ibyo bigo by'ubuvuzi bicirititse basabwe kugeza dosiye zabo mu bunyamabanga bw'Akarere ka Ruhango igizwe n'ibyangombwa bikurikira:

- ➢ Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango igaragaza ivuriro ricirititse ashaka gupiganira;
- ➢ Fotokopi y'impamyabumenyi yo mu rwego rwa A2 mu mwuga w'ubuforomo;
- ➢ Uruhushya rwo gukora umwuga w'ubuforomo mu Rwanda (Licence) rutangwa n'Urugaga rw'Abaforomo n'Ababyaza mu Rwanda;
- ➢ "Business plan" iri kumwe na "historique bancaire" y'Ukwezi kwa Mata, 2019.
- ➢ Icyangombwa cy'uko yigeze gukora umwuga w'ubuvuzi mu bigo by'ubuzima bya Leta no mu byigenga;
- ➢ Fotokopi y'Indangamuntu;

Itariki ntarengwa yo gutanga amadosiye ni kuwa**17/05/2019**

Bikorewe mu Ruhango kuwa 03/05/2019

HABARUREMA Valens
Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango

AKARERE KA RUHANGO